

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BW'IBISHYIMBO



GUFUMBIRA

IBIIMO BY'IFUMBIRE

IKORESHA RYARI ?

IKORESHA GUTE ?

Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara



Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri.

Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera

Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka.

Ifumbire y'imborera



Rekera ibisigazwa by'umusaruro mu murima

igihe cy' isarura

Bikoremo ifumbire y'imborera cyangwa ubitabe wongeye kuhahinga.

Koresha ibiro 100 by'ifumbire = udutebo tune (4) tw'ifumbire y'imborera cg ingorofani 2

Igihe cyo gusanza cyangwa batera

Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza.

Ifumbire mvaruganda



Koresha ikilo cya DAP kuri Ari 1









Mu itera

Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mbere yo gutera.

Ari 1 = m 10 x m 10

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA Z'IBANZE N'IBYONNYI

| INDWARA | IBIZIRANGA | UKO BAZIRINDA | UKO BAZIVURA | IBIPIMO BIKORESHWA |
|----------------------------|---|---|--|---|
| Uruyongobeza numero |  | <ul style="list-style-type: none"> - Simburanya neza imyaka mu murima : ibishyimbo ntibisimbura mu murima soya, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa ibishyimbo ; - Koresha imbuto z'indobanure ; - Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo. → - Kora ibyatuma ibishyimbo bimera vuba, kandi bigafata bifite ingufu (gufumbira uko bikwiye) ; - Tera mu murima utarekamo amazi kandi ntibitabwe mu bujakuzimu bukabije ; - Vana mu murima ibishogoshogo nyuma yo gusarura. |  |  |
| Isazi y'ibishyimbo |  | <ul style="list-style-type: none"> - Simburanya mu murima : ibishyimbo ntibisimbura mu murima soya, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa ibishyimbo. - Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo ; → - Sukira igihe kitararenga ; - Kora ibyatuma ibishyimbo bimera vuba, kandi bigafata bifite ingufu (gufumbira uko bikwiye) ; - Randura ibyafashwe ukabitaba. |  |  |
| Akaribata |  | <ul style="list-style-type: none"> - Simburanya neza imyaka mu murima : ibishyimbo ntibisimbura mu murima soya, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa ibishyimbo ; - Koresha imbuto z'indobanure ; - Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo ; → - Vana mu murima ibishogoshogo by'ibishyimbo byayirwaye ukabitaba ; - Ubahiriza igerambuto riteganywa. | Benomili (Bénomyl) | Vanga garama 2 z'umuti mu kilo kimwe cy'imbuto |
| Ubuhunduguru |  | <ul style="list-style-type: none"> - Ubahiriza igerambuto riteganywa | Umuti wica udukoko : Siperimetirine (Cyperméthrine 50 EC cyangwa Desisi (Decis EC 25) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1, inshuro 2 kugeza byeze. |
| | | | Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate 40 EC) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1, inshuro 2 kugeza byeze. |

Ari 1 = m 10 x m 10